



# GANNA AHEZA

CCOAIB's NEWSLETTER

April 4, 2012

## INANASI NA DUTERIMBERE MW'ITERAMBERE RYA MARISIYANA

Ikibazo cy'umushahara udahagije ku bakorera Leta kimaze igihe kivugwa n'abantu benshi, ndetse kubera ubuzima bugenda burushaho gukomera, kikaba kigenda kirushaho kuba ingorabahizi.

Intica ntikize, Serumu, Urusenda, aya ni amagambo amenyerewe mu mvugo y'abanyarwanda, mu byukuri ikigenderewe bashaka kugaragaza ko umushahara umuntu uyu n'uyu ahembwa ntacyo umumariye uretse kubonera ibisubizo utubazo tworoheje nko kubona icyo abeshyeshya igifu, kugerageza kwifubika no gukemura utundi tubazo ariko duto rwose. Aha nyine turavuga ku mukozi usanzwe.

Mu gihe nta kirahinduka, usanga buri mukozi afite uburyo yifata, muri rusange akabiterwa n'imyumvire ye, imitekerereze ye, ubushobozi afite, ari nabyo bimuha ubwinyagamburiro mu guhangana n'ibibazo by'imibereho. Nibwo ubona umuntu ashobora kuba akora aha n'aha ariko ugasanga yongeraho utundi tunturu nko gucuruza, gukorera abantu imishinga, kwigisha n'ibindi. Nubwo bigira icyo bimwongerera ku gashahara, nyamara bifite ingaruka ku musaruro atanga bitewe nuko umwanya aba yawugeneye ibindi. Ni nabyo byavuyeho ya mvugo ngo Leta ikubeshya ko iguhemba nawe ukayibeshya ko uyikorera.

Nubwo hari abadashobora gufata umurungo ngo bahitemo kimwe, ari nabo usanga bahora mu maganya adashira, igishimishije nuko hari n'abandi banze gukomeza kuba mu bitabatanganiye bakiyemeza kumesa kamwe.

Madame Uwamwezi Marisiyana utuye mu mudugudu wa Rukundo, akagari ka Ntoma mu murenge wa Musheru mu karere ka Nyagatare, ni umwe mu bagore b'indashyikirwa washoboye kureka umurimo yakoraga aba rwiyezamirimo ubu, intera agezeho ikaba ishimishije cyane.

Mbere yo kujya mu buhinzi bw'inganasi yari umukozi kwa muganga mu kigo nderabuzima cya Ntoma akora umulimo w'ubuforomo ariko ku rwego rwo hasi. Yatubwiye ko agashahara yahembwaga kari gato cyane, mbese ku buryo katabashaga kumukemurira ibibazo yari afite. Ngo yararuhaga cyane kuko aho yakoraga hari abakozi bake. Ubwo kubera kurara izamu kenshi yahoraga ananiwe kandi ngo kuba nta mafaranga afatika yahembwaga, ntibyamuhaga ubushobozi bwo guhemba abakozi. Byabaga ngombwa ko yinjira no mu mirimo yo mu rugo, bukajya kwira yatagangaye.

Abonye atagishoboye kandi n'ibyo yarimo bidatera imbere, Marisiyana yasanze agomba kubivamo akareba ikindi cyerekezo yaha imibereho ye, kuko burya ngo udatera imbere aba asubira inyuma. Yaratubwiye ati : "N'ubundi ayo nakoreraga nayahembaga abakozi, kandi ibyo bankorera bakabyangiza ntibabikore neza.



*Mukamwezi Marisiyana mu murima we*

Ariko hagati aho, yari afite isambu nini yari yarateganyirije ubworozi ariko akabona butagenda neza. Mu mahugurwa yagiyemo i Ruyumba mu karere ka Muhanga, niho yamenye ko Inanasi zishobora kwera ahantu hatagombera itaka rihambaye. Asubiye imuhira nibwo yashoboye kwegera agaronome w'umurenge, amugezaho icyifuzo yari afite cyo kujya mu buhinzi bw'inganasi. Marisiyana yahawe ibisobanuro bihagije, nuko kubera ubumenyi yari asanganywe yahawe na Duterimbere mu mahugurwa atandukanye, yahise yiyumvamo ubushobozi, nuko ngo igitekerezo cyo kwikorera ku giti cye gitangira kuzenguruka mu mutwe we, ngiryo ijamba yakoresheje.

### ICYEMEZO CYAFASHWE BIGORANYE

Nubwo igitekerezo cyo gusezera ku kazi yari amaze igihe agifite, kugira ngo gishyirwe mu bikorwa, byabaye ngombwa ko Marisiyana abijyaho inama n'uwo bashakanye. Ngo bombi ntibiyumvishaga uko urugo rwabo ruzabaho umugore aramutse aretse akazi. Ngo nubwo udafaranga yahembwaga twari duke, ariko nibura twarazaga. Nyuma y'amajoro menshi babijyaho impaka, byageze aho igitekerezo cya Marisiyana kiratsinda kuko ngo yashoboye guha mugenzi we ibisobanuro bihagije. Ngo yumvaga arambiwe kwihambira ku murimo utaramuhaga amafaranga yifuza ariko cyane cyane ukanamwambura ubwigenge bwe.

### DUTERIMBERE YABIGIZEMO URUHARE

Marisiyana amaze gufata icyemezo cyo kuba rwiyezamirimo yarisuganyije, ubushobozi yari afite arabukusanya maze asubira ku mujyanama we Duterimbere abagezaho icyifuzo cye, amenyeshwa ibisabwa, ahabwa ibyo yari akeneye nuko inzira igana ubukire ayiyoboka atyo.

Uyu mutegarugori wabyaye abana batatu ubu akaba arera barindwi, yemeza ko kugira ngo umuntu atunganyirwe n'umushinga, ngo biba byiza kurushaho iyo agiye mu byo akunda.

Igikorwa cyo guhinga inanasi afite kuri hegitari ebyiri, Marisiyana akimazemo imyaka itanu akaba agifatanyije n'ubutubuzi bw'ingemwe zazo. Ibi byo akaba abimazemo umwaka umwe nubwo ubona nabyo bikaba byaramunogeye. Afatanyije n'umugabo we, bashoboye kwiye bakira inzu nziza aho bagiye gutura begereye ibikorwa byabo kugira ngo bashobore kubikurikiranira hafi. Twamusanganye ubworozi bw'inka z'inzungu zigera ku munani, ivomo riciriritse aho ageza amazi ku baturanyi be, ijerikani akaba ayigurisha ku mafaranga ijana. Twamusanganye urutoki rutoshye, Moto, n'ibindi bintu bitandukanye.

Ikindi cyongera ishema ry'uyu mutegarugori, ni ukuba yarashoboye kugera ku buhanga bwumisha inanasi bikaba bimushoboza guhangana n'abaguzi, kuko iyo badashoboye kumvikana ku giciro, Marisiyana ntibimubangamira kuko inanasi ze azumisha akaba azigurisha atyo. Burya ngo inanasi yumye nayo iraryoha kandi ngo ikaba igumana intungamubiri zayo. Yarabwiyeye ati : "Kugeza ubu draya (Drier) zatumye inanasi zanjye zigira agaciro. Mbere umuntu yarazaga akampera amafaranga ashaka kandi nkayakira. Ariko aho mboneye kiriya gikoresho, (Drier) turumvikana tukagira aho duhurira. Ati: " mbese usanga nshobora gucirirana nabo nihagazeho, kuko mba nzi ko inanasi zitari bumpfire ubusa."



***Mu rugo rwa Marisiyana ni hamwe mu habarizwa amazi muri aka kagari kakakaye***



***Ubuhinzi bwa Marisiyana bwamugiriye akamaro ndetse bukagira n'abaturanyi***



***Mu rugo rwa Marisiyana ni hamwe mu habarizwa amazi muri aka kagari kakakaye***

Mu kiganiro twagiranye n'abaturanyi ba Marisiyana, bemeza ko aho atangiriye ubuhinzi bw'inanasi yabereye akagari kabo urumuri ku buryo byinshi bagezeho ariwe babikesha. Aha twavugako aho mu mirimaye twahasanze abakozi basaga 15 ariko ngo akaba akoresha abagera ku ijana ariko. Uretse ibi bikorwa by'ubuhinzi bw'inanasi, Marisiyana afite n'ikindi gikorwa cy'ubukorikori bwo kuboha imitako hifashishijwe ubudodo nacyo cyamuteje imbere kuko mu ma murikagurisha menshi aiyamo, ibihangano bye biragurwa cyane ndetse hari n'ibyo yabonye ishimwe. Iyo abaturanyi be babyifuye cyane cyane ab'igitsina gore, arabakundira akabigisha ndetse akaba anabagira inama mu birebana no kwiteza imbere, kubana neza n'abo bashakanye.

Kuri uyu mutegarugori ukomeza gukataza mu budashyikirwa, ngo kenshi hari n' amakimbirane avuka mu ngo biturutse ku kuba umugore ahora ateye amashyi, ibi bikamutera gusuzugurwa n'uwu bashakanye. Yaravuze ati: " Umugabo niyinjira mu rugo aho kumusuhuza ukamwakirana ibibazo, aho kumubwira ibyo wagezeho, ibyo wagerageje wenda bikakunanira nibura wabitangiyeye, agaciro kawe kazahora kagerwa ku mashyi. Niba witwara utya, umugabo nakubwira ko ntacyo umaze, uzihangane ubyemere kuko ntacyo umaze koko".

Abo twari kumwe ubwo twateguraga filimi izashyirwa ahagaragara ku iterambere rya Marisiyana, bashimishijwe no kubona umuntu ashobora gutangirana ubushobozi buke bikamugeza ku ntera twasanganye uyu munyarwandakazi. Ntawashidikanya ko uru rugendo rushobora kubera benshi urugero. Nk'uko mwabyumvise mu buhamya bwe, nibyo koko gufata icyemezo biragora ariko iyo umuntu afite intego nta shiti icyo yatekereje akigeraho.

Marisiyana si ishema ry'umuryango we, si n'uwaho atuye gusa ahubwo ni n'ishema rya Duterimbere, umwe mu miryango 38 igize ihuriro CCOAIB wamuherejeje muri uru rugendo na nubwira bakaba bakiri kumwe.

Nk'uko dukunze kubigarukaho, haba mu biganiro byacu ndetse no mu nyandiko nk'iyi, CCOAIB yemera ko umuryango ufasha umuturage mu nzira y'iterambere wagombye guhora wibaza uti: "ese uyu twamuvanye ku ruhe rwego, tumugejeje ku ruhe?" Madame Marisiyana yatubwiye ko agifite urugendo, tukaba tumwifurije kuzagerayo, cyane ko yatugaragariye ko azi iyo aya.

***Benoit Ndirikiye  
INFODOC/CCOAIB***